**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA YO KU WA 24/07/2000, YAHUJE UMUNYAMABANGA MUKURU MURI MIJESPOC, ABAYOBOZI B'IMIRIMO, ABAYOBOZI B'AMASHAMI N'ABAKURU B'IMISHINGA.**

Inama yatangiye i saa tatu, iyoborwa n'Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco.

Ku murongo w'ibyigwa hariho :

- Gusoma no gukosora inyandikomvugo y'inama y'ubushize ;
- Kureba ibyakozwe mu cyumweru gishize ;
- Gahunda y'icyumweru ;
- Ibintu n'ibindi.

**GUSOMA NO GUKOSORA INYANDIKOMVUGO Y'INAMA YO KU WA 17/07/2000**

Inyandikomvugo imaze gusomwa, mu Buyobozi bw'Imikino bavuze ko batari bateganije gukora inama nyunguranabitekerezo kuri siporo y'abari n'abategarugori, ahubwo ko byari ukuyitegura.

Umushinga wa KAVUMU nawo wasobanuye ko batari gukora ijonjora ku baziga i Kavumu, ahubwo hari hateganijwe ibizamini.

Mu Buyobozi bwo Kwigisha Imyuga Iciriritse naho basobanuye ko bateguraga gusana C.F.J ya Mukingo bitari ukuyitangiza. Mu Buyobozi bw'Imirimo Rusange basanze bataranditse ko kuri gahunda y'icyumweru hariho imirimo isanzwe.

**IBYAKOZWE MU CYUMWERU GISHIZE (le17/07 - 22/07/2000)**

**UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO**

- Visi Perezida w'Inama Nkuru y'Urubyiruko yagiye i Cyangugu muri séminaire yo gufasha Inzego z'urubyiruko gutegura « plan stratégique » y'imyaka itatu iri imbere.
- Ibindi byari imirimo isanzwe.

**UBUYOBOZI BW'IMIKINO**

Inama nyunguranabitekerezo kuri siporo y'abari n'abategarugori yari igitegurwa, bakaba barimo kureba ingengo y'imari izakoreshwa,abazatumirwa n'ibindi.

## UBUYOBOZI BW'UMUCO

- Gukora raporo ya Expo 2000 byararangiye;
- Gukora ibarura ku bazize itsembabwoko n'itsembatsemba byari bigikomeza, uwari uhagarariye Minisiteri yacu akaba yari MUHOZA Christophe ;
- Gutegura uruzinduko rw'URUNANA, ruzaza mu RWANDA, inyandiko itegura ibyarwo yashyizwe ahagaragara, mu cyumweru cya nyuma bakaba bazacumbikirwa i MURAMBI..

## INGORO Y'UMURAGE

- Ingengo y'Imari y'imyaka itatu iri imbere yaratangiye, ikaba irangirana n'iki cyumweru.

## BIBLIOTHEQUE NATIONALE

- Gukurikirana muri MINALOC ibijyanye n'itegeko rigenga abanyamakuru ryarimo gutegurwa ngo barebe uko bashyiramo ko buri kinyamakuru cyajya gitanga inomero muri Bibliothèque Nationale, basanze bikiri kure, basabwa kandi ko bakwandikira Minisitiri wa MINALOC babisaba.

## UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

- Gusana C.F.J ya MUKINGO byaratangiye bakaba bari bafite igitekerezo cyo koherezayo KAYOBOTSI Prote ngo arebe uko imirimo igenda;
- Abakozi bo mu Buyobozi bwo Kwigisha Imyuga Iciriritse bari kujya guhagararira ibizamini i Gikondo ntibagiyeyo kuko abenshi bari muri congé.

## KAVUMU

- Ibizamini ku baziga ubushoferi na plomberie i KAVUMU byararangiye ariko ibisubizo byari bitaraboneka.

## APPUI A LA F.P

- Ikigo cya Kimisagara na n'ubu cyari kigifite ikibazo cy'amazi n'umuriro ariko Umunyamabanga Mukuru yababwiye ko bareba MINALOC ikaba ariyo yariha imyenda barimo kuko ariho himukiye Minisiteri y'Imibereho myiza y'Abaturage yari ishinzwe icyo kigo.

## UBUYOBOZI BW'IMIRIMO RUSANGE

- Bari bateganije imirimo isanzwe.

## GAHUNDA Y'ICYUMWERU

### UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

- Gutegura imbanzirizamushinga y'ubwiyunge n'ubumwe ;
- Kugirana inama n'urubyiruko rwa Remera ngo barebe uko rwajya gusura urw'i Nyanza ;(SRA)
- Gukora inama y'abakozi b'umushinga SRA ;
- Gukora umushinga wo kurangiza ikigo cya Gabiro ;
- Gukora raporo ya UNICEF ; (Santé des Jeunes)

### UBUYOBOZI BW'IMIKINO

- Imirimo isanzwe (Cross country na Institut d'Education Phyisique) ;

### UBUYOBOZI BW'UMUCO

- Kurangiza gutegura ingengo y'imari y'imyaka itatu iri imbere ;
- Gutangira ingendo mu maperefegitura azaberamo FESPAD, bakajya Kibungo na Gisenyi bazadufasha mu gutumira amatorero ya Ngara na Goma ;
- Gutegura inyandikonyibutsa ikubiyemo :-Ibibazo rusange n'ibibazo byihariye muri Mémorial ;
  -Kureba uko byakemuka.
- Gusura Bisesero

### INGORO Y'UMURAGE W'U RWANDA

- Gutegura igitaramo kizaba tariki 05/08/2000 ;
- Gutangira kubaka inzu yo kuboherama ;
- Kurangiza gutegura ingengo y'imari y'imyaka itatu iri imbere.

### BIBLIOTHEQUE NATIONALE

- Gutangira gutegura amahugurwa y'abakozi ba Bibliothèque Nationale .

### ARCHIVES NATIONALES

- Gutegura amahugurwa bafatanije na Bibliothèque Nationale ;
- Gutangira gukora ibarura ry'inyandiko babitse.

## UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

- Kongera kureba ikibazo cyavutse hagati y'aba Méthodiste na ADPR muri CFJ ya Tyazo ;
- Gukurikirana kuvana ibikoresho bya F.P biri muri MAGERWA ;
- Gukomeza gutegura ingengo y'imari y'imyaka itatu iri imbere.

## KAVUMU

- Gukurikira ishyirwa ry'umukono kuri « révision budgétaire ».

## UBUYOBOZI BW'IMIRIMO RUSANGE

- Gukurikirana amahugurwa y'abakozi
- Gukurikirana muri MIFOTRA dosiye z'abakozi batarahembwa.

## COMMUNICATION

- Gukurikirana iby'urugendo rw'intumwa y'ubudage izaza gufatanya na cellure SDK
- Kwakira Nyakubahwa Minisitiri ;
- Kwandika ibaruwa isaba Reji y'Ibibuga by'indege isabira Abanyamakuru ba Minisiteri amakarita azajya abafasha kwinjira ku kibuga cy'indege.